MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI

No 117 Kamena 2016



# INAMA RUSANGE YAGEJEJWEHO IKIGANIRO KURI POLITIKI Y‘IGIHUGU Y‘UBUMWE N’UBWIYUNGE

*Mu nama yayo isanzwe, kuri uyu wa kane tariki 23/06/2016, inama y’Inama Rusange y’Ihuriro yateranye iyobowe n’Umuvugizi waryo Madamu MUKABUNANI Christine. Mu byaganiriweho, hari ukugezwaho ikiganiro na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge kuri "Politiki y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge" banagezwaho kandi Ingamba zo kuyishyira mu bikorwa n’Igenamigambi ry’ibikorwa by’Ihuriro mu mwaka w’ingengo y’imari 2016/2017.*



*Bishop John RUCYAHANA Perezida wa Komisiyo y’igihugu y’ubumwe n’ubwiyunge*

Mu gutanga icyi kiganiro, Perezida wa Komisiyo Bishop John RUCYAHANA yavuze ko iyi politiki y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge ishingiye kuri politiki y‘imiyoborere myiza u Rwanda rwiyemeje; ku Itegeko Nshinga; kandi ko yazirikanye ibitekerezo byatanzwe n’inzego zitandukanye zagejejweho imbanzirizamushinga yayo; Abaturage muri rusange bakaba nabo barayitanzeho ibitekerezo.

Perezida wa Komisiyo yavuze ko mu kubaka ubumwe n’ubwiyunge Igihugu cyahisemo amahame y’ingenzi ngenderwaho muri yo hari ugushyira imbere Ubunyarwanda n’inyungu z’Abanyarwanda, kurwanya Jenoside n’ingengabitekerezo yayo; guharanira kuba mu Gihugu kigendera ku mategeko no kubahiriza uburenganzira bwa muntu; kurwanya ivangura n’ihezwa iryo ari ryo ryose, gusenyera umugozi umwe mu kubaka igihugu, komorana ibikomere no kubaka ubwizerane mu Banyarwanda bishingiye ku kwicuza, gusaba imbabazi no kuzitanga, kuvuga ukuri no kubaka icyizere cy’ejo hazaza, kwibuka haharanirwa ko Jenoside itazongera kuba ukundi, kwiha agaciro no gukunda umurimo.

Avuga ku ngamba zashyizweho ngo iyi politiki ishyirwe mu bikorwa, yagarutse k’uburere mboneragihugu, ubukangurambaga, ubuvugizi, ubushakashatsi, ibiganiro nyungurana bitekerezo, kubaka ubufatanye n’inzego zitandukanye no kurwanya ubujiji n’ubukene.

Muri icyi cyiganiro, Imitwe ya politiki yasabwe gushyigikira ‘initiatives’ ziteza imbere ubumwe n’ubwiyunge mu bayoboke bayo n’Abanyarwanda muri rusange, kworoheza Komisiyo mu gikorwa cyo gucukumbura iyubahirizwa ry’amahame y’ubumwe n’ubwiyunge no gushyiraho imboni(focal point) y’ubumwe n’ubwiyunge muri buri mutwe wa politiki.



*Umunyamabanga Mukuru w’Umuryango FPR Inkotanyi Hon. Francois NGARAMBE*

Nyuma y’iki cyiganiro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yagejeje ku bari mu Nama Rusange, Igenamigambi ry’ibikorwa by’Ihuriro mu mwaka w’ingengo y’imari 2016/2017 n’ingengo y’imari izakoreshwa, Inama rusange irayemeza imaze kubikorera ubugororangingo.



*Bwana BURASANZWE Oswald agaragaza igenamigambi ry’ibikorwa*

## AMASOMO YA YPLA MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA YASOJWE

*Ku cyumweru tariki ya 05/06/2015 hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 13 cy'amahugurwa atangwa mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth Political Leadership Academy/YPLA) ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ku rubyiruko ruyakurikiranira mu Ntara y'Iburasirazuba, Akarere ka Rwamagana.*

Bwana Burasazwe Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yashimye urubyiruko rurangije muri aya mahugurwa abasaba kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo cyane cyane mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke, ndetse no mu bundi buzima bwa buri munsi bw'Umutwe wa Politiki abibutsa ko ibyo baba bateganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Igihugu muri rusange imbere.

Bwana Oswald yabwiye uru rubyiruko ko intego nkuru y'aya masomo ari ukurutoza umwuga wa Politiki no kubaha ubumenyi bw'ibanze mu bya politiki n'imiyoborere myiza, avuga ko urwego rwose rushaka kwiyubaka ku buryo burambye rushingira k'urubyiruko, akaba yizera ko Imitwe ya politiki nayo izakoresha neza uru rubyiruko kugira ngo yubake inzego zayo.

Yasoje aya mahugurwa ashimira uru rubyiruko umurava rwagaragaje mu kuyakurikira, ashimira n'Imitwe ya Politiki yabohereje, anabwira uru rubyiruko ko azarushimira Imitwe ya Politiki yabo ku buhanga n'umurava rwagaragaje.



*Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro*

Uwavuze mu izina ry'abarimu batanga amasomo muri iyi gahunda, Dr Alfred NDAHIRO yashimye umurava n'ubuhanga aba banyeshuri bagaragaje, ababwira ko umwuga wa politiki wigwa abasaba kuzakoresha ubuhanga bahawe cyane cyane ubwo kuvuga (communication skills) kuko umunyapolitiki udafite ubuhanga mu kuvuga ngo atange neza igitekerezo cye adashobora kugera ku ntego yiyemeje.

Mu kwimenyereza gutegura ikiganiro, uretse gukora imbwirwaruhame (discours), uru rubyiruko rwakoreshejwe n'imyitozo y'uburyo rugomba kwitwara mu biganiro mpaka (Political debate); isomo bahawe n'iyi mpuguke mu by'Itumanaho Dr. Alfred NDAHIRO ifatanije n'umunyamakuru w'umunyamwuga mu gukora ibiganiro bya politiki Bwana Tom NDAHIRO.

Mu gushyira mu ngiro iri somo ry'Itumanaho, hasozwa n'iyi gahunda mu Ntara y'Iburengerazuba, uru rubyiruko rwagiranye ikiganiro n'umunyamakuru wa Radiyo Rwanda mu kiganiro cy'urubyiruko gica kuri Radiyo Rwanda kuwa gatanu sa munani z'amanywa (14h00).

Ikiciro kigira mu Mujyi wa Kigali nacyo cyasoje aya masomo kuwa 09.06.2016 aho rwasabwe gushyira mu ngiro amasomo rwaboneye muri iri shuri, kandi rugashishikarira guteza imbere Imitwe ya politiki yarwohereje, rwizezwa ko ruzashyikirizwa impamyabushobozi mu gihe cya vuba binyuze mu Mitwe ya politiki yabo.

## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 23 Kamena 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKABUNANI Christine.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

* Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 31/03/2016;
* Ikiganiro kuri "*Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*" n'Ingamba zo kuyishyira mu bikorwa;
* Gusuzuma no kwemeza Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016/2017.

**Imyanzuro y'inama:**

(1) Inama Rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 31/03/2016.

(2) Inama Rusange yagejejweho ikiganiro na Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge kuri "*Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*" n'Ingamba zo kuyishyira mu bikorwa; ikiganiro kibanze ku mahame, ingamba, inzitizi zihari n'ibisabwa inzego zitandukanye harimo n'Imitwe ya politiki. By'Umwihariko, Imitwe ya politiki yasabwe gushishikariza abayoboke kubumbatira ubunyarwanda no gufatira ibyemezo abayobozi n'abayoboke bagaragayeho amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Inama Rusange yashimye ibimaze kugerwaho mu rwego rwa gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge, isaba Komisiyo ko gahunda n'ibikorwa bitegurwa bikwiye kwita ku bihe by'amateka u Rwanda rwanyuzemo hamwe n'ibyiciro byose by'Abanyarwanda baba abahutajwe n'ababahutaje muri ibyo bihe by'amateka, hagatezwa imbere umuco wo kwitoza kwanga gutotezwa no kurwanya amacakubiri ayo ariyo yose.

Ikindi, Inama Rusange yasabye ko hashyirwaho ingamba nshya zo guhashya ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi igenda ishibuka cyane cyane mu rubyiruko. Inama Rusange isanga kandi Komisiyo ikwiye kurushaho gusesengura no kugaragariza Abanyarwanda ibyiza by'ubumwe n'ubwiyunge n'impamvu bikwiye kubera Abanyarwanda inzira y'iterambere rirambye.

(3) Inama Rusange yemeje inyandiko y'Igenamigambi ry'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016/2017 n'ingengo y'imari yabyo imaze kuyikorera ubugororangingo.
Bikorewe i Kigali, kuwa 23 Kamena 2016.

**BURASANZWE Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**